# SettleIn



# Kwimukira no Gutura muri Amerika?

**Mu gihe witegura kwimukira muri Amerika, ufite byinshi byo kwiga. Mu gihe utangiye ubuzima bwawe bushya, dore ubutumwa icumi bw'ingenzi ugomba kumenya:**



---


## 1



Umuntu azagusanga ku kibuga cy'indege aho uzaba usoreje urugendo. Mbere yo kugenda, uzashyira Umukono ku Nyandiko Isezeranya yemera kwishyura ikiguzi cy'itike y'indege yawe ijya muri Amerika.

2

Iyo wimukiye muri Amerika, ni ibisanzwe guhura ibibazo by'umuco no kugira imbogamizi. Mu kugufasha kumenyera, iga Icyongereza, uhura n'abantu bashya, kandi umenye neza umuryango wawe mushya winjiyemo.




3



Ikigo Gishinzwe Kwimura no Gutuza Impunzi kizatanga serivisi z'ibanze kugira ngo ubone ibyo ukeneye mbere kandi kikohereze muri serivisi zindi hakurikijwe ibyo wemerewe. Marana umwanya wawe munini hamwe n'abakozi b'ikigo gishinzwe kwimura no gutuza impunzi murema umubano mwiza.

4

Ubufasha rusange ni buke, kandi inkunga iratandukanye bitewe n'aho uba n'ubunini bw'umuryango wawe. Ntugereranye ibyo wemerewe n'ibyo abandi bantu bemerewe, kuko bitazaba bimwe.



5



Nugera muri Amerika, uzagira aho kuba. Birashoboka ko izaba ari inzu ibamo abantu benshi kandi birashoboka ko atari amahitamo yawe meza, ariko izaba ifite isuku, ihendutse kandi ifite umutekano. Amafaranga y'aho kuba azaba ari igice kinini cy'amafaranga ukoresha buri kwezi.

6

Amafaranga yo kubaho muri Amerika ni menshi, akazi ni inzira yihuta yo kubasha kwihaza. Ni ngombwa gufata akazi ka mbere wahawe, nubwo bishoboka ko kaba katari mu mwuga wahisemo.



7




Kubona ubufasha bwihutirwa, hamagara 911 kuri telefoni hanyuma ubwire umukozi icyo ukeneye (Police - “Polisi”, “Fire - Umuriro [Faya]” cyangwa Ambulance - “Imbangukiragutabara [Ambulansi]”) hamwe na aderesi yawe cyangwa aho uherereye.

8

Muri Amerika, amategeko arengera uburenganzira bw’abantu bose. Ugomba kwiga no gukurikiza amategeko. Kutamenya amategeko ntibikubuza guhanwa uramutse urenze ku itegeko.




9



Sisitemu y'ubuvuzi muri Amerika iragoye. Mu mezi 12 ya mbere, uzaba ufite ubwishingizi bw'ubuzima. Abakozi bashinzwe kwimura no gutuza impunzi bashobora gufasha gusubiza ibibazo no gutanga amakuru y'inyongera.

10

Rinda amakuru yawe bwite, nk'ibyangombwa bya IOM, pasiporo, nimero ya konti ya banki, nimero y'ubwiteganyirize. Buri gihe witonde niba usabwe gusangiza amakuru y'ibanga uri kumwe n'umuntu cyangwa ku murongo.



# NOTES

# Ufite ibindi bibazo? Menya byinshi ku rubuga rwa Settle In

Settle In  ni ahantu heza ho gushakira amakuru yizewe kandi y'ukuri ku byerekeye kwimukira no gutura muri Amerika. Settle In iraboneka mu ndimi nyinshi kandi igaragara muri videwo, podcast, n'ubundi buryo ku ngingo zitandukanye zijyanye n'ubuzima bwo kwimukira no gutura muri Amerika.

## Sura SettleInUS.org

## Manura porogaramu ya Settle In

GET IT ON Google Play

Download on the App Store

## Kurikira Facebook ya Settle In

Settle In

Cultural Orientation Resource Exchange

The contents of this booklet were developed under an agreement financed by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State, but do not necessarily represent the policy of that agency and should not assume endorsement by the Federal Government. **This material is in the public domain and may be reproduced.**